

# MUSANA

## EXERCISE BOOK

32 PAGES

Name: ____________________

School: ____________________

Class: ____________ Year ____________

Subject: ____________________

KNOWLEDGE IS WEALTH

Noms et Prenoms: Mukamusabo Rose

PÈRE MASABO Edwald+

MÈRE MUKAMUGENZI NEBIÀ

CELLULE KABARESHYA

CECTEUR KIRWA.

Commune MASANGO

Prefecture GITARAMA

Date de naissance 1978

3ème T.C E.S.D.P Butamwa

Année scolaire 1998 – 1999.

# Uko Intambara yagenze kuva 1/10/1990 – 31/12/1994 iwacu.

Ibyabaye muri iki gihugu cyacu byabaye agahomamunwa kuburyo tutabyibutse twaba tubaye nkababikoze.

Tariki 1/10/1990 aribwo inyenzi inkotanyi zatangiye gutera u Rwanda zituruste kubwumvikane buke Habyarimana yagiranaga nabenewabo babanyarwanda bari mubihugu byo hanze yanga ko bataha ngo bose mururwabo bafatanye kubaka igihugu cyacu.

Amaze kubyanga bahitamo kuza kungufu kuko ntakundi byari kugenda kandi ntakindi bashakaga uretse gutaha dore ko nokuba ahandi ujya iwanyu atari byiza.

Kuva icyogihe umwitwa umututsi yatangiye kugira ingorane, achigura nkaho yibye cg yishe umuntu benshi barafunguwa bavuga u Rwanda bitari ngombwa ahubwo bazira ubusa?

Imana yabarenye abari mumigi batangira kurukana ngo bajye muwabo kugirango bamenye iwabo batangira kuvuga ngo uyu ni umututsi impande zose.

Ubwo abo mugiturage bo sinakubwira nuwavutse uwo munsi bakamwita ko ari umututsi nawe atavuka atsinzi yafatwaga kugera ahagaragara

Ubwo abaturage basangiye amazi basabana umunyu, batangira kubicaho ubwo abatutsi twibaza icyo tuzira kirabura bababwira abana ngo kera kanaka ni abatutsi

abari mumashuri abarezi bajyaga batubwira ngo abatutsi nibahaguruke tubebe umubare wanyu ubwo bututsi Tutsi aho buva.
Tugahaguruka bakatubara ngo Leta hari ibyo ibanura ishaka kumenya umubare wabaziraga 1994 Ishaka kureba nkaho batubariye hamwe n'abahutu, naho bagisha kugirango bamenye umubare w'abatutsi bari mugihugu kugirango bazarebe abo bica.

Ubwo ndaterega nko muri 1992 - 1993 uko twabifonaga kandi abana baturenganya. Ubwo inama nshyilizano yo muri ARUSHA yabaga ibintu bacikana kandi badashaka ko abari hanze bataha.

Abatutsi bari mubiturage bari barabaye nkabacakara iyo bikakeraga abahutu babobaga bicaye bavuga ngo nibakore niba bazaryo ariko byabaye uko bayijujaga bo gapfa.

Amashyaka aba menshi kandi yose bayarimo ariko tugirango ni Amajyambere akira imbere hagira umututsi utsinda akicara agahinga ngo izo ninyenzi bene wabo baraduteza. Umuhutu we agitsinda akigakerko byari ibyabo Umuhako yabatutsi arabura nutsinze akabura akorj ngo aho kebaka yasenya.

Umututsi abura ibyangombwa byo kuba mugihugu ariko ngo no muri za 59 na 61 - 63 ntagaciro baki bafite.

bigeze mu 1994 batangira kuvuga ko.

Umututsi aho ari ari ikyitso abategetsi bari ho kuva ku muduwego wa Komine kugera muruwa Cellule bati ngo abatutsi bafite imbunda n'amasasu.
barasaka biranika abona natwe tutari tuzi ibyaribyo tugira ubwoba.

Ubwo mbere ya 1994 ibyabaye ni byinshi ntabwo twabivuga ngo tubirangize nta nubwo twabona ibitabo byo kwandikamo keretse umwaka ushize umuntu aribyo yandika nta kindi akora nabwo yaba umusozi.

— Tugeze mu 1994.
Ndibuka ko kuri 6/04/1994 nibo ntibeshye. aho Habyarimana yapfuye niba aribyo [illegible] abahutu batangira kuvuga induru ngo ozize abatutsi maze tuba tugiye mukaga

batangira gututuka, gutinya mumuso kugeza ubwo twumvise ko hagi kuba intambara mubari i Kigali bamwe barapfa bishwe nabi abandi bataha mubiturage n'amaguru maze bahungira ubwayi mukigunda

Ubwo Kibuye nibo babangirije Gitarama aho natwe bicika.
Tukabona batwika imisozi bica abantu maze kariki 20 batangira kuduha induru bakakwamburura utitawe ureba kuri 22 maze baratwirukaho baduca baradutwikira twahunga duhungira kuri Komine yacu ya Masango baturaba nabi kuko ntagaciro twari tugifite.
wetse ibyo twari dusize nutwo twakitwi twaje muntaki baratwambuye.

barayadusahura

tugeze kuri komine batangira kuduteragana batwoherezi ikabgayi maze benshi bakika intege zo kujyayo kuko hose umuntu yabonaga ntabuhungiro

Ubwo ababyeyi inshuti n'abavandimwe twatakana umwe ukwe undi ukwe.
dukomeza inzira tujya ikabgayi ariko turi bake

tugeze muhyimana dusanga impunzi ari nyinshi dukomeza ikabgayi tugezeyo duhura n'interahamwe

zikajya zisogota abantu tukeba ubwaba ari bwose

tukabura aho twikinga inzara urupfu rw'abantu ariko ngo ntabajyira gushira.

- bigera ubwo interahamwe za shombaga abantu zikabakata amajosi, abandi bakajya bababapakira amabisi bakabatwara ari amabisi nka 5 kandi yuzuye.

turasabango rako muzotubarize izo nzira Kabgayi kavenga ne aho baba barazijyanye
muzaba mukoze kuko benshi twibaza aho baba baraguye.
ubwo abacu kaje babukuri kiye bageze mubyimana burgumestre wa Rukingi sino ndo yitwa abapakira imodoka ya komine

Abazanira Mpamo abandi boza ngamaguru ngo basubiye iwabo kubabariza aho bajya ne ho arabatjye muye ngo be gucika barebye ko muri komine ya Masango badashize bose

kuko iyi baliruwa hinya kuko batashwe iwabo ngo bamenye urupfu rwabari muntu wese ruminyange we
Ntabwo abahutu bari kunyurwa -

- Twamaze mubuhunzi ukwezi n'igice, F.P.R inkotanyi zirahagaboka bari biyemeje kuturimbura burundu kuko bavugaga ngo umwana w'umuhutu nazavuka azaza abeza umututsi, uko yasaga.

bahise batujyana Ruhango tumarayo iminsi mikeya batujyana mu Bugesera kuko ~~abafran~~ Abafaransa bari bateze kwijikongoro, twababayeyo amezi 3 babona kutugatura ku-matongo. ~~tuje dai~~

Twaje tuzi ko Tuje ahantu Tuje dusanga ari amatongo, tubura ababu dusanga barapfishe. Abo batanye mu misarane, mumiringoto, kumisozi bakaribura n'imbwa, umugabane munini wabantu benshi wl uvagiye muri Nyabarongo.

Abarokotse bamwe turi impfubyi, abapfakazi ibimuga, abasozi abahohotewe ni benshi hangijwe byinshi kuburyo ntagaruriro ariko tubijaka uko biri kuko ntakundi byagenda.

Tumaze guhunguka Tugeze kumurenge dusanga abantu barashize bijenze ukuvmera kuburyo weba ukabona ntaho ujhera uvuga amatongo nimenshi yahindutse amashyamba.

Abarokotse bafite ibibazo byo kubina ibyabo nababiturye ntabyo babyi tayeho babona ababiciye bakabona ntacyo babaye naeyo ugasanga ari ibibazo.

Ariko ibyo byose biterwa ni uko bamwe ari abana abandi ari abagore ntawe bafite ubavugira.

- Nyuma ya 1994 Leta y'ubumwe imaze ibibazo bimwe na bimwe byagiye bigabanuka kubera ka yaje itabobanura

- Ariko cyane cyane twagishimiye ko yitaye ku kibazo cy'uburezi kuko ariyo cyari gihangayikishije abana b'abanyarwanda, kuko benshi muri bo bari bamaze kuba inyandagazi.

- Leta y'ubumwe yunze abanyarwanda ~~ikomeza~~ igerageza gushaka abakoze amahano ariko baranga bakomeza itsembabwoko n'itsembatsemba cyane Ruhengeri na Gisenyi cyane cyane amaraso y'inzira karengane agumya kumenura kuko ariho hari indiri y'abicanyi.

*Ariko se turitwa ko twacitse ku icumu dute kandi abarikoze batari bahanwa by'intangarugero?

* Iyo gacaca turumva izakorwa dute se kandi ntabantu bo kuzayiga babashinja? Abantu bataruzajya bashinja abantu mirongo itatu?

Byumvikana rero nagirango mwe kuzayiga mumenya ko twacitse ku icumu kandi dufite inzigo ziri ku ruhande kuburyo zibonye n'akanya zakongera gukora amahano bakoze muri 1994.

- Muri Centeur Kirwa cellule Kabareshya aho dutuye ubungubu uza ibibozo abarutse kwicwa bahuye nabyo muntambara ari byinshi cyane.

- Hari abakubura uko bagiye bihisha mubihuru abahutu bakabavumbura, muminsi myinshi bamwe babahica abandi bakobatema bakajugunya izo nyenzi mumaserame Bavuga ngo Imana yabaremye nayo yarobanze ugasanga biteye agahinda.

Ababaga bahishwe nabahutu kandi bakamushaka bakamutanga ngo apfe kuko babonaga bagomeitse kamuhishe baba bakoze icyaha. benshi usanga burimuntu avuze ibye ntacyo yabasha gukora ariko tugerageza kubyirengagiza ariko tubabaye ugasanga ari ibibazo.

Commune Masango yacu ituriye uruzi rwa Nyabarongo abasaza, abakecuru abagabo bakuze ndetse abagore babo nabana babo ~~babahe~~ mu 1994 babashoreraga nkinka zijya kubagwa babajyana muri Nyabarongo biratubabaza cyane nurupfu babikaga.

- Twabonye byinshi n'amaso yacu ibyumuntu atabasha kuvuga ngo abirangize dufite ihungabana riteye nkayo twabonye Benshi baraharimuka n'ibindi byinshi ndetse Imana yo byatumye iriya kubona Irema abantu bakicwa byagashinyaguro.

Tuvuga byinshi ariko byatugiriye Ingaruka ntanubwo twabirangiza.

Ntitudushaka kubabwira ko izo nzirakarengane zaba zarashyinguwe mu cyubahiro gikwiriye, mu byukuri hashyinguwe bakeya nka bantu 8 gusa mu kuvuga muri cellule Kabareshya
kandi yarituwe nabatutsi barenze 500
none abo kandi bari muri Nyabarongo Turasaboga ko abo bantu nabo bashyingurwa mu cyubahiro atiko birakwiye ibibazo kandi baratubabaje.

- ubwose ntikamwe murumva muvatumvaniira iki? kwabo bari muri Nyabarongo?
Tubashimiye igisubizo cyiza muzatugezaho

- ubundi ibyabaye 1994 ntabwo bizibagirana mu mateka y'urwanda n'abakurambere batubanjirije barabimenya noletse nabatarava baribuga bariboza ako bazavukira bikabashobera.

- Tubashimiye iki Gitekerezo cyiza muvatubwiye cyo kwibuka kandi duhore twibuka
Twishimiye gufatanya namwe mu kubaka urwatubyaye dukoreshefe amaboko yacu

Murakoze

MUKAMASABO ROSE

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.